Ibyiringiro nyakuri ku bihereranye n’abo wakundaga bapfuye (Igice cya 1)

Bishingiye ku gice cya 7 cy’igitabo *Ni iki mu by’ukuri Bibiliya yigisha?* kiboneka ku rubuga rwa jw.org/rw.

INTEGO: Suzuma ibyo wizera n’impamvu ubyizera, usuzume icyo Bibiliya yigisha, maze urebe uko wasobanurira abandi ibyo wizera.



ESE HARI IGIHE AGAHINDA TWATEWE NO GUPFUSHA ABACU KAZASHIRA?

1 SUZUMA IMYIZERERE YAWE

Kuki hari abantu babihakana?

Kuki hari ababyemera?

Wowe *wizera* ko bimeze bite?

Kuki ari uko ubyemera?

www.jw.org © 2015 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

2 SUZUMA ICYO BIBILIYA YIGISHA


Ni ibisanzwe ko umuntu agira agahinda iyo apfushije.
(Reba igitabo *Icyo Bibiliya yigisha,* igice cya 7 paragarafu ya 1-6.)

Soma mu 1 Abakorinto 15:26.

Ese niba Imana ibona ko urupfu ari umwanzi, utekereza ko yaturenganya turamutse tubabajwe n'umuntu wacu wapfuye? Kuki ushubije utyo?

Soma muri Yohana 11:33, 35; 14:9.

Iyo tubabajwe n'umuntu wapfuye, Yehova na Yesu bumva bameze bate?



Nk'uko iyo imvura nyinshi ihise izuba riva, ni ko natwe tuzagira ibyishimo igihe abacu bapfuye bazaba bazutse

www.jw.org © 2015 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

Umuzuko uzatuma tugira ibyishimo, utwibagize agahinda duterwa n'urupfu.

(Reba igitabo *Icyo Bibiliya yigisha,* igice cya 7 paragarafu ya 7-10.)

Soma muri Luka 8:40-42, 49-56; Yohana 11:43, 44.

Yesu yagaragaje ate ko urupfu rutazakomeza guherana abantu?

Soma muri Mariko 5:42.

Ni mu buhe buryo uyu murongo uduha umusogongero w'ibyo tuzabona vuba aha mu gihe cy'umuzuko?

Kuki wishimira kumenya ko tutazakomeza guheranwa n'agahinda ko gupfusha abacu?

www.jw.org © 2015 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania

3 SOBANURIRA ABANDI IMYIZERERE YAWE

NIBA UMUNTU AKUBWIYE ATI . . .

Kugira agahinda bigaragaza ko utizera ko umuzuko uzabaho.

USHOBORA KUMUSUBIZA UTI . . .

Hari abantu babibona batyo. Ariko jye si uko mbibona kubera ko . . .

_____

_____

Ni uwuhe murongo w'Ibyanditswe wasomera uwo muntu?

_____

Ni mu buhe buryo wafasha uwo muntu gutekereza kuri uwo murongo, uzirikana uko abona ibintu?

_____

NIBA UMUNTU AKUBWIYE ATI . . .

Iyo umuntu apfuye biba birangiye, ntashobora kongera kubaho.

USHOBORA KUMUSUBIZA UTI . . .

Ni byo koko iyo umuntu apfuye ntakomeza kubaho. Ariko sinemera ko biba birangiye burundu kubera ko . . .

_____

_____

Ni uwuhe murongo w'Ibyanditswe wasomera uwo muntu?

_____

Ni mu buhe buryo wafasha uwo muntu gutekereza kuri uwo murongo, uzirikana uko abona ibintu?

_____

www.jw.org © 2015 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania